CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
**Secrétariat Général**
**B.P. 357** Kigali / Rwanda
**Tél. :** (+250) 252 575 439
E-mail : eglisecatholiquerwanda@gmail.com

## ITANGAZO RISOZA IMIRIMO Y'INTEKO RUSANGE Y'INAMA Y'ABEPISKOPI GATOLIKA MU RWANDA YATERANIYE I KIGALI

### KUVA KU ITARIKI 05 KUGEZA KU YA 08 Werurwe 2024

Guhera tariki ya 05 kugera ku ya 08 Werurwe 2024, Inteko rusange y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda yateraniye ku cyicaro cy'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda i Kigali. Imirimo y'Inteko rusange y'169 yayobowe na Nyiricyubahiro Antoni Karidinali KAMBANDA, Arikiyepiskopi wa Kigali akaba na Perezida w'Inama y'Abepiskopi. Abepiskopi bose bari bahari uretse Nyiricyubahiro Musenyeri Vincent Harolimana wari mu nama ya SCEAM i Accra muri Ghana. Inama Yatangijwe n'isengesho, Abepiskopi baragiza Imana n'Umubyeyi Bikiramariya imirimo y'Inama.

Mu muhango wo gutangiza imirimo y'iyi Nteko rusange witabiriwe kandi na Nyiricyubahiro Musenyeri Arnaldo CATALAN, Intumwa ya Papa mu Rwanda, aherekejwe n'Umunyamabanga, Padiri Tomasz Henryk GDULA, Abepiskopi bifurije ubutumwa bwiza Umunyamabanga mukuru mushya w'Inama y'Abepiskopi mu Rwanda banashimira uwo asimbuye umurimo mwiza yakoze.

Mu ijambo ryo gutangiza imirimo y'iyi Nteko, Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda yashimiye Intumwa ya Papa mu Rwanda n'Abepiskopi bitabiriye inama. Yabahaye ikaze anabifuriza kuzagira inama nziza n'imirimo myiza. Mu ijambo rye, Intumwa ya Papa mu Rwanda yifurije ikaze Padiri Vedaste Kayisabe mu mirimo mishya yo kuba umunyamabanga mukuru w"Inama y'Abepiskopi mu Rwanda, anashimira Padiri Martini Nizigiyimana ushoje imirimo ye. Yagarutse ku cyiciro cya 2 cya Sinodi y'Abepiskopi ku "*kugendera hamwe*" izibanda cyane ku kureba uko twarushaho kuba Kiliziya igendera hamwe, gushaka uburyo n'inzira byagerwaho. Yishimiye uburyo mu Rwanda bahimbaza umunsi mukuru wa Mutagatifu Petero na Pawulo ku wa 29 kamena yifuza ko byakomeza, bikajya bitegurwa kandi bigakorwa hose mu madiyosezi nk'umunsi mukuru ukomeye wa Kiliziya hakabaho gutumira abantu b'inzego zitandukanye. Uyu mwaka ho bizaba ari akarusho kuko bizaba ari umwanya wo guhimbaza Isabukuru y'imyaka 60 y'umubano w'uRwanda n'ubuyobozi bukuru bwa Kiliziya. Yakomeje abagezaho ubutumwa butandukanye buturutse mu buyobozi bukuru bwa Kiliziya Gatolika ku isi. Yasoje ashimira buri wese ku bwitange n'ubufatanye.

Umuyobozi w'Inteko Rusange y'Abepiskopi mu Rwanda, Nyiricyubahiro Antoni Karidinali KAMBANDA yaboneyeho kubamurikira gahunda yose uko yakabaye asaba ko yakurikizwa ku buryo kuwa gatanu tariki ya 08/03/2024, inama rusange yaba ishoje imirimo yayo.

Abepiskopi bagize inama rusange bagize umwanya wo gusangira amakuru no kuyavuganiraho. Banasuzumye kandi ibibazo babishakira ibisubizo ndetse banagena bimwe mu bikorwa by'iyogezabutumwa byihutirwa n'imigambi yashyirwa mu bikorwa mu gihe kiri imbere. Yibanze ku gusuzuma inkingi z'ingenzi mu ikenurabushyo, mu gusangira ubuzima bushibuka ku butumwa busohozwa hirya no hino no mu kungurana ibitekerezo. Abepiskopi bavuze ku ngingo zitandukanye ari zo: Yubile y'impurirane, Sinode y'Abepiskopi icyiciro cya kabiri, Ihuriro rigamije amahoro rya ACEAC, Kwibuka ku nshuro ya 30 jenoside yakorewe Abatutsi. Mu gusoza inama bafashe imyanzuro ijyanye n'ingingo zizwe.

**Gusangira amakuru**

Hagarutswe cyane ku butumwa bw'ibiro bya Papa bishinzwe imihango mitagatifu n'itangwa riboneye ry'amasakaramentu buhamagarira abepiskopi, abapadiri n'abalayiki kwita ku magambo n'ibimenyetso byose biteganyijwe mu guhimbaza amasakaramentu hakirindwa icyatuma isakaramentu rihawe umukristu ritakaza agaciro karyo. Ntabwo ari ngombwa kuzanamo amagambo n'ibimenyetso bishya kandi hari ibyateganyijwe n'urwego rubifitiye ububasha. Abepiskopi baboneyeho umwanya wo gusaba abagira uruhare muri Liturujiya bose kujya bayitegura bihagije kandi bakabikora babishyizeho umutima n'ubwitange.
Abepiskopi bagarutse ku buzima bw'imiryango ya Agisiyo gatolika. Bishimira ibikorwa binyuranye by'ikenurabushyo bikorerwa muri iyo miryango ndetse n'uburyo bafasha Kiliziya kugeza inkuru nziza ku bantu. Abepiskopi barasaba abayobozi b'iyo miryango gukomeza kugendera ku murongo w'ukwemera bakirinda ko hagira abatandukira bagakoresha imiryango y'agisiyo gatolika nk'andi mashyirahamwe asanzwe.

**Yubile y'imyaka 2025 n'iy' 125**

Urwego mpuzabikorwa mu kwitegura guhimbaza Yubile y'imyaka 125 uRwanda rwakiriye Ivanjili rwagejeje ku bepiskopi aho urugendo rwa Yubile rugeze. Amadiyosezi aragenda atangiza Yubile ndetse akanategura uburyo bwo guhimbaza iyi Yubile. Hari ibikorwa byinshi kandi byiza biri mu madiyosezi bizafasha abakristu guhimbaza yubile. Muri rusange bishimiye ibimaze kugerwaho birimo ikirangantego cya Yubile, indirimbo ya yubile, isengesho rya Yubile mu Kinyarwanda, Igifaransa, Icyongereza n'Igiswahili n'ibindi. Abepiskopi bishimiye ko amadiyosezi yose yitabiriye umuhimbazo wa mbere wa Yubile i Kabgayi bakanasaba ko byazakomeza no ku yindi mihimbazo cyane cyane iyo dufite muri uyu mwaka wa 2024 ariyo: Isakaramentu rya Batisimu tuzahimbariza i Zaza ku wa 6 Nyakanga 2024, Yubile mu rubyiruko izahuzwa n'Ihuriro ry'urubyiruko rizasozwa ku wa 25 Kanama 2024 ndetse n'Ikoraniro ry'Ukaristiya rizabera i Butare kuva ku wa 5 kugeza ku wa 8 Ukuboza 2024. Mu Ikoraniro ry'Ukaristiya byaba byiza habaye umwanya wo gusengera hamwe twifashishije isengesho riherekeza umunsi mu Kinyarwanda. Abepiskopi barasaba abasaserdoti n'abakristu gutunga igitabo gikubiyemo amasengesho aherekeza umunsi (Breviaire) kandi bakajya bavuga ayo masengesho muri Paruwasi zabo. Icyo gitabo kibarizwa mu bunyamabanga bw'Inama

y'Abepiskopi. Abepiskopi basanze ari byiza gutandukanya Yubile y'urubyiruko n'iy'abana. Bifuje koYubile y'abana yahimbarizwa i Kibeho ku wa 27 Ukuboza 2024.

Muri iki gihe cya Yubile, tuzagaruke cyane ku nyigisho zifasha abakristu kumva no gusobanukirwa neza imihango ya Liturujiya cyane cyane amasakaramentu. Niyo mpamvu twahisemo guhimbaza amwe mu masakaramentu ku buryo bwihariye muri iyi Yubile, ni ukugirango tugire umwanya uhagije wo kongera gucengera inyigisho ziyadusobanurira.

Mu gusoza iyi ngingo, Abepiskopi basabye ko abiyandikisha ku ntonde zitandukanye kugira ngo bazitabire ibikorwa bya Kiliziya cyane cyane Yubile, bajya babikora hakiri kare kugira ngo byorohere abategura kubakira.

**Sinodi y'Abepiskopi i Roma**

Abepiskopi bishimiye ibyagezweho mu madiyosezi mu rugendo rwa Sinodi. Ibyagezweho byahurijwe hamwe i Vatikani. Hategerejwe icyiciro cya 2 cya Sinodi, kizaba mu Ugushyingo 2024. Icyo kiciro kizaba kigamije kunoza ibyakozwe mu kiciro cya mbere cyabaye mu Ukwakira 2023. Abepiskopi barahamagarira abakristu gukomeza kugendera hamwe, mu bufatanye no mu butumwa nk'uko Sinodi yabidushishikarije. Ibyagezweho muri Sinodi bigakomeza kuzirikanwaho, hagendewe ku kwemera kumurikiwe nijambo ry'Imana.

**Ihuriro rigamije amahoro rya ACEAC**

Abepiskopi basuzumiye hamwe uko ihuriro ry'Abepiskopi bagize akarere k'ibiyaga bigari ryagenze. Bashimye intambwe bamaze gutera mu gushyira hamwe bagasenga basaba amahoro mu karere k'ibiyaga bigari. By'umwihariko bishimiye ko iryo huriro ryashoboye gusura impunzi kandi bakazigezaho ubufasha kuri roho no ku mubiri bigasozwa n'Igitambo cya misa cyo gusaba amahoro cyabereye muri Diyosezi ya Goma muri RDC ku wa 28 Mutarama 2024. Barasaba abakristu bo muri aka karere k'ibiyaga bigari gukomeza guharanira ubumwe n'imigenderanire hagati yabo ari nayo yunganira mu kugeza abantu ku mahoro yifuzwa.

**Kwibuka jenoside yakorewe abatutsi ku nshuro ya 30 muri 1994**

Abepiskopi bararikira abakristu gahunda yo kwibuka jenoside yakorewe abatutsi muri 1994. Ni gahunda itangira ku wa 7 Mata buri mwaka. Kuri iyo tariki hazaba ari ku cyumweru cya kabiri cya Pasika, Icyumweru cy'impuhwe z'Imana. Nyuma ya misa abakristu bazitabire gahunda zateganyijwe. Abakristu barasabwa kuzitabira gahunda zitegurwa muri icyo gihe kandi bagakomeza guharanira ubumwe n'ubudaheranwa. Baributsa kandi ko mu cyumweru cy'icyunamo tutazahimbaza Isakaramentu rya Batisimu n'iry'Ugushyingirwa.

**Imwe mu myanzuro n'ibyemezo by'Abepiskopi**

1. Mu gutegura yubile ni byiza guhana amakuru kugirango amadiyosezi azategura agende yigira ku byagenze neza ku madiyosezi yarangije imihimbazo ya yubile.

2. Ku munsi mukuru wa Pasika hazafungurwa umuryango w'Impuhwe z'Imana aho umwepiskopi azaba yateganyije muri buri Diyosezi. Ni igikorwa kinjira muri gahunda ya Yubile turimo.



JN

3. Impuhwe zizahuzwa na Pasika, misa ikazasomerwa muri Kiliziya ifite umuryango w'impuhwe.

4. Yubile hamwe n'abana izahimbarizwa i Kibeho ku wa 27 Ukuboza 2024

5. Forumu y'urubyiruko izajya iba koko umwanya wo kurera ubukristu. Imiryango ya Agisiyo Gatolika izajya ihabwa umwanya ugaragara muri Forum, urubyiruko rujye rwibuka kwitwaza ibirango by'imiryango ya Agisiyo Gatolika babarizwamo.

6. Imiryango ya Agisiyo Gatolika irasabwa kudahindura umurongo remezo wayo isanganywe muri Kiliziya

7. Gukoresha amasengesho ya Kiliziya (bréviaire) mu Kinyarwanda no kumenyekanisha ko ibitabo by'amasengesho ya Zaburi na Bibiliya bihari.

8. Gukomeza Sinodi tugendeye ku kwemera kumurikiwe n'ijambo ry'Imana

9. Kugaruka no kwita ku myanzuro ya sinode yo mu w'2000, mu gihe duhimbaza yubile y'impurirane.

Inama yasojwe n'isengesho.

Bikorewe i Kigali, ku wa 08 Werurwe 2024

**Padiri Védaste KAYISABE**
Umunyamabanga Mukuru
w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda

**✠ Antoni Karidinali KAMBANDA**
Arikiyepiskopi wa Kigali akaba na Perezida
w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda

CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
CEPR
B.P 357 Kigali
Rwanda
* PRESIDENT *